REPUBULIKA Y'U RWANDA

REPUBLIC OF RWANDA

RICA Rwanda Inspectorate, Competition and Consumer Protection Authority

**ITANGAZO RIGENEWE ABACURUZI, ABAKORA, N'ABAKORESHA IBYUMA BYA *FER A BETON***

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubugenzuzi bw'Ubuziranenge, Ihiganwa mu Bucuruzi no Kurengera umuguzi (RICA) kiramenyesha abantu bose, abakora, abacuruza, abatumiza mu mahanga n'abakoresha ibyuma bizwi nka 'ferabeto', ko ibyo bikoresho by'ubwubatsi bifite ubukomere buri munsi ya 500MPa (500N/mm$^2$) bitemewe ku isoko ry'u Rwanda guhera umunsi iri tangazo ryashyiriweho umukono.

Abacuruzi n'abantu bose bavuzwe mu byiciro biri haruguru bahawe amezi atandatu kugira ngo babe bamaze gukoresha ibyo byuma basanganywe mu bubiko bwabo. Uretse abamaze kwishyura ibyo batumije (*made and paid orders*) kandi babifitiye gihamya cya banki bakoresha, nta muntu wemerewe gutumiza mu mahanga/kwishyura ibindi byuma by'ubukomere bwavuzwe adafite uruhushya (import permit) nyuma y'aho iri tangazo rishyiriweho umukono.

Mukeneye ibindi bisobanuro mwabariza kuri info@rica.gov.rw cyangwa telephone: 9899

Bikorewe i Kigali ku wa 14 Ugushyingo 2022

**UWUMUKIZA Beatrice**
**Umuyobozi Mukuru w'agateganyo**